# 280: Imins' irahita vuba

1. Imins' irahita vuba, Irahita yihuta. Ukw ihita, benshi bapfa Batameny’ Umukiza. Hari twakora :Tugikoran' umwete : Dutabar' ubu vuba, Imins' itarashira.

Ref: Irashira, irashira ! Dor' iminsi irashira! Dutabar' ubu twese, Twe gukererwa dutyo!

2. None, bib' imbuto nziza mu mitima y'abantu; hagura n'amarira y 'abanyamibabaro.
Renger' abapfakazi,Kand' ubyuts' abaguye, Uhumure n'impumyi,Ibiseb' ubivure.

3. Iby' uzabishobor' ute ? Ntibizakunanira, ib' ufit' Umwuka Wera N'urukundo rw'Imana:
ibiduh' itimanye,Tubishatse byukuri. Tuyisengan' umwete, Dukor' iby'imbabazi.

4. Icy' Umwami Yes' ashaka N' ukugendana natwe, Ngo yikiriz' abarushye Bamutey' umugongo. Kandi yaravuz' ati:Uzanyizera wese Azabwir' irimisozi Ngo nitabwe mu nyanja.

5. We gutiny' ibir' imbere : Yes' azagushoboza. Umuh' umutima wawe, Awutegeke rwose ! Isi yubahe Yesu ! Yadutsindiy' urupfu N'abadayimoni bose. Ubu ni We dufite.

6. Sigaho kwizera guke :Na wa wundi yakizwa ! Wibuke ko Paulo na we Yar' umwanzi w'ibyiza; Yamufash' atunguwe,Yemera gukizw' ubwo, Ab' intumwa ya Yesu, Yamamaz' ubuntu bwe.

7. Tyo n'ubu, mugende mwese, Muri kumwe na Yesu; Mubamwerek; abakize, Bos' abazabyemera. Kandi mwe gucogora Cyangwa se kunanirwa, Mutarabasohoza Ku Mukiz' ubifuza.